REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUZIMA

# IMINSI 1000 YA MBERE,

## SHINGIRO RY'UBUZIMA BWIZA MU RWANDA



### MUBYEYI UTWITE FATA INDYO YUZUYE

Umwana akiri mu nda ya nyina: Umubyeyi utwite aba agomba kurya indyo yuzuye kandi ihagije, kugira ngo abone intungamubiri zimuhagije we n'umwana atwite. Umubyeyi utwite kandi agomba kurindwa imirimo ivunanye, akaruhuka bihagije kandi akubahiriza gahunda yo kwisuzumisha kwa muganga. Ibi bituma umwana avuka ashyitse, afite ibiro bihagije kandi afite ubuzima bwiza, bityo akabasha gukura neza mu gihagararo no mu bwenge. Bituma kandi umubyeyi agira imbaraga igihe atwite, igihe abyara n'igihe yonsa.

